

ITEGEKO N°17/2017 RYO KU WA 28/04/2017
RISHYIRAHU IKIGO CY'IGIHUGU
GISHINZWE IGORORAMUCO
RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BYACYO

LAW N°17/2017 OF 28/04/2017
ESTABLISHING THE NATIONAL
REHABILITATION SERVICE AND
DETERMINING ITS MISSION,
ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI N°17/2017 DU 28/04/2017 PORTANT
CREATION DU SERVICE NATIONAL DE
REHABILITATION ET DETERMINANT
SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET
SON FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'Ikigo

Article 2: Establishment of an institution

Article 2: Création d'un établissement

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3: Définitions

Ingingo ya 4: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure
bya NRS

Article 4: Legal personality and autonomy of
NRS

Article 4 : Personnalité juridique et autonomie
de NRS

Ingingo ya 5: Icyicaro cya NRS

Article 5: Head office of NRS

Article 5: Siège de NRS

Ingingo ya 6: Icyiciro NRS ihereyemo

Article 6: Category of NRS

Article 6: Catégorie de NRS

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA NRS

CHAPTER II: MISSION OF NRS

CHAPITRE II: MISSIONS DE NRS

Ingingo ya 7: Inshingano za NRS

Article 7: Mission of NRS

Article7 : Missions de NRS

UMUTWE WA III: URWEGO
RUREBERERA NRS N'AMASEZERANO
Y'IMIHINGO

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY
OF NRS AND PERFORMANCE CONTRACT

CHAPITRE III: AUTORITE DE TUTELLE
DE NRS ET CONTRAT DE
PERFORMANCE

<u>Ingingo ya 8:</u> Urwego rureberera NRS	<u>Article 8:</u> Supervising authority of NRS	<u>Article 8:</u> Autorité de tutelle de NRS
<u>Ingingo ya 9:</u> Amasezerano y'imihigo	<u>Article 9:</u> Performance contract	<u>Article 9:</u> Contrat de performance
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMITERERE N'IMIKORERE BYA NRS	<u>CHAPTER IV:</u> ORGANISATION AND FUNCTIONING OF NRS	<u>CHAPITRE IV:</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NRS
<u>Ingingo ya 10:</u> Inzego z'ubuyobozi	<u>Article 10:</u> Management organs of NRS	<u>Article 10:</u> Organes de direction de NRS
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi ya NRS	<u>Section One:</u> Board of Directors of NRS	<u>Section première:</u> Conseil d'Administration de NRS
<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi ya NRS	<u>Article 11:</u> Members of the Board of Directors of NRS	<u>Article 11:</u> Composition du Conseil d'Administration de NRS
<u>Ingingo ya 12:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi ya NRS	<u>Article 12:</u> Powers of the Board of Directors of NRS	<u>Article 12:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration de NRS
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya NRS	<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Board of Directors of NRS	<u>Article 13:</u> Attributions du Conseil d'Administration de NRS
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 14:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 14:</u> Attributions du Président du Conseil de NRS
<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 15:</u> Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 15:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 16:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 16:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors	<u>Article 16:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 17:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa	<u>Article 17:</u> Reasons for loss of membership to the Board of Directors and modalities for replacement	<u>Article 17:</u> Causes de perte de qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement

<u>Ingingo ya 18:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 18:</u> Convening and holding of the meeting of the Board of Directors and modalities for decision making	<u>Article 18:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions
<u>Ingingo ya 19:</u> Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 19:</u> Invitation of a resource person to a meeting of the Board of Directors	<u>Article 19:</u> Invitation d'une personne ressource à une réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 20:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 20:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 20:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 21:</u> Umwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 21:</u> Rapporteur of meetings of the Board of Directors	<u>Article 21:</u> Rapporteur des réunions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 22:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 22:</u> Personal interest in issues on the agenda	<u>Article 22:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	<u>Article 23:</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors	<u>Article 23:</u> Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration
<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS	<u>Section 2:</u> Executive Organ of NRS	<u>Section 2:</u> Organe Exécutif de NRS
<u>Ingingo ya 24:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS	<u>Article 24:</u> Composition of the Executive Organ of NRS	<u>Article 24:</u> Composition de l'Organe Exécutif de NRS
<u>Ingingo ya 25:</u> Imikorere y'abagize Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 25:</u> Procedures for performance of duties by members of the Executive Organ	<u>Article 25:</u> Modalités d'exercice de fonctions par les membres de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 26:</u> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 26:</u> Responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 26 :</u> Attributions de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 27:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa NRS	<u>Article 27:</u> Powers and duties of the Director General of NRS	<u>Article 27:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général de NRS

<u>Ingingo ya 28:</u> Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS	<u>Article 28:</u> Duties of other staff members of the Executive Organ of NRS	<u>Article 28:</u> Attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de NRS
<u>Ingingo ya 29:</u> Sitati igenga abakozi ba NRS	<u>Article 29:</u> Statutes governing staff of NRS	<u>Article 29:</u> Statut régissant le personnel de NRS
<u>Ingingo ya 30:</u> Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS	<u>Article 30:</u> Salaries and fringe benefits for members of the Executive Organ of NRS	<u>Article 30:</u> Salaires et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de NRS
<u>UMUTWE WA V: IBIGO NGORORAMUCO N'IBIGO BINYURWAMO BY'IGIHE GITO</u>	<u>CHAPTER V: REHABILITATION CENTERS AND TRANSIT CENTERS</u>	<u>CHAPITRE V : CENTRES DE REHABILITATION ET CENTRES DE TRANSIT</u>
<u>Ingingo ya 31:</u> Ishyirwaho ry'ibigo ngororamuco n'ibigo binyurwamo by'igihe gito	<u>Article 31:</u> Establishment of rehabilitation centers and transit centers	<u>Article 31:</u> Création des centres de réhabilitation et des centres de transit
<u>Ingingo ya 32:</u> Ibyiciro by'abantu bakirwa mu bigo	<u>Article 32:</u> Categories of people placed in centers	<u>Article 32:</u> Catégories de personnes placées dans les centres
<u>Ingingo ya 33:</u> Inshingano n' imikorere y'ibigo binyurwamo by'igihe gito	<u>Article 33:</u> Mission and functioning of transit centers	<u>Article 33:</u> Missions et fonctionnement des centres de transit
<u>UMUTWE WA VI: UMUTUNGO N'IMARI BYA NRS</u>	<u>CHAPTER VI: PROPERTY AND FINANCE OF NRS</u>	<u>CHAPITRE VI: PATRIMOINE ET FINANCES DE NRS</u>
<u>Ingingo ya 34:</u> Umutungo wa NRS n'inkomoko yawo	<u>Article 34:</u> Property of NRS and its sources	<u>Article 34:</u> Patrimoine de NRS et ses sources
<u>Ingingo ya 35:</u> Itegurwa n'iyemezwa by'ingengo y'imari ya NRS	<u>Article 35:</u> Preparation and adoption of the budget of NRS	<u>Article 35:</u> Préparation et adoption du budget de NRS
<u>Ingingo ya 36:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NRS	<u>Article 36:</u> Use, management and audit of the property of NRS	<u>Article 36:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine de NRS

<u>Ingingo ya 37:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari		<u>Article 37:</u> Annual financial statements	<u>Article 37:</u> Rapport annuel des états financiers
<u>UMUTWE WA VII:</u> <u>Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u>	INGINGO	<u>CHAPTER VII:</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VII:</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 38:</u> Igihe cy'inzibacyuho		<u>Article 38:</u> Transitional period	<u>Article 38:</u> Période transitoire
<u>Ingingo ya 39:</u> Agaciro k'ibyakozwe		<u>Article 39:</u> Validity of acts already performed	<u>Article 39:</u> Validité des actes accomplis
<u>Ingingo ya 40:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko		<u>Article 40:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 40:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 41:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko		<u>Article 41:</u> Repealing provision	<u>Article 41:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 42:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa		<u>Article 42:</u> Commencement	<u>Article 42:</u> Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 17/2017 RYO KU WA 28/04/2017 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IGORORAMUCO RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

LAW N°17/2017 OF 28/04/2017 ESTABLISHING THE NATIONAL REHABILITATION SERVICE AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI N°17/2017 DU 28/04/2017 PORTANT CREATION DU SERVICE NATIONAL DE REHABILITATION ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Werurwe 2017;

The Chamber of Deputies, in its session of 29 March 2017;

La Chambre des Députés, en sa séance du 29 mars 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 19, iya 20, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 139, iya 165, iya 168 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 19, 20, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 139, 165, 168 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 19, 20, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 139, 165, 168 et 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

Pursuant to Organic Law n° 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions;

Vu la Loi Organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions générales régissant les établissements publics ;

Official Gazette n° 20 bis of 15/05/2017

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yo ku wa 27 Kamena 1981 yerekeye uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yemejwe n'Itegeko n° 10/83 ryo ku wa 01 Nyakanga 1983, cyane cyane mu ngingo yayo ya 17;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 16 Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko-Teka n° 08/75 ryo ku wa 12/01/1975, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 9 n'ya 10;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo ku wa 16 Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko-Teka n° 08/75 ryo ku wa 12/01/1975, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 10, iya 11, iya 12 n'ya 13;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'Umwana yo ku wa 20 Ugushyamba 1989 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 773/16 ryo ku wa 11/09/1991, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 3, iya 9, iya 12 n'ya 20;

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigamije gushyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe igororamuco. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

Pursuant to the African Charter of Human and Peoples' Rights of 27 June 1981 ratified by Law n° 10/83 of 1 July 1983, especially in Article 17;

Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights of 16 December 1966 ratified by Decree-Law n° 08/75 of 12 January 1975, especially in Articles 9 and 10;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 16 December 1966 ratified by Decree-Law n° 08/75 of 12 January 1975, especially in Articles 10, 11, 12 and 13;

Pursuant to the Convention on the Rights of the Child of 20 November 1989 ratified by the Presidential Order n° 773/16 of 11 September 1991, especially in Articles 3, 9, 12 and 20;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

The purpose of this Law is to establish the National Rehabilitation Service. It also determines its mission, organization and functioning.

Vu la Charte Africaine de Droits de l'Homme et des Peuples du 27 juin 1981 ratifiée par la Loi n° 10/83 du 1 juillet 1983, spécialement en son article 17;

Vu le Pacte international relatif aux droits civils et politiques du 16 décembre 1966 ratifié par le Décret-loi n° 08/75 du 12 janvier 1975, spécialement en ses articles 9 et 10;

Vu le Pacte international relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 16 décembre 1966 ratifié par le Décret-loi n° 08/75 du 12 janvier 1975, spécialement en ses articles 10, 11, 12 et 13;

Vu la Convention relative aux droits de l'enfant du 20 novembre 1989 ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 773/16 du 11 septembre 1991, spécialement en ses articles 3, 9, 12 et 20;

ADOPTÉ :

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi a pour objet de créer le Service National de Réhabilitation. Elle détermine

également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'Ikigo

Hashyizweho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe igororamuco cyitwa "NRS" mu magambo ahinnye y'Icyongereza.

Article 2: Establishment of an institution

There is established a National Rehabilitation Service, abbreviated as "NRS".

Article 2: Création d'un établissement

Il est créé un Service National de Réhabilitation, "NRS" en sigle anglais.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

Article 3: Definitions

In this Law, the following terms are defined as follows:

Article 3: Définitions

Dans la présente loi, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

1° **igororamuco:** ibikorwa bigamije kugarura mu nzira nziza umuntu wese ufite ibikorwa cyangwa imyitwarire bibangamira abaturage;

1° **rehabilitation:** a process of reforming any person exhibiting deviant acts or behaviors;

1° **réhabilitation:** un processus de redressement de toute personne ayant des actes ou comportements déviants;

2° **ikigo ngororamuco:** ahantu hagenewe ibikorwa byo kugorora, gutanga uburere, ubumenyi n'ubumenyigiro no gusubiza mu buzima busanzwe umuntu wese ufite ibikorwa cyangwa imyitwarire bibangamira abaturage;

2° **rehabilitation center:** premises used for the conduct of activities dedicated to reforming, educating and providing professional skills and reintegrate any person exhibiting deviant acts or behaviors;

2° **centre de réhabilitation:** locaux réservés aux activités visant à redresser, éduquer et donner des compétences professionnelles ainsi que réintégrer dans la société toute personne caractérisées par des actes et comportements déviants.

3° **ikigo kinyurwamo by'igihe gito:** ahantu hagenewe kunyurwamo by'agateganyo n'abantu bagaragaza imyitwarire yatuma bajyanwa mu kigo ngororamuco.

3° **transit center:** premises used for accommodating on a temporary basis the people whose behaviors may constitute a cause for placement in the rehabilitation center.

3° **centre de transit:** locaux servant à abriter temporairement les personnes dont les comportements peuvent justifier leur placement dans le centre de réhabilitation.

Ingingo ya 4: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure bya NRS

NRS ni Ikigo cya Leta gifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi byacyo. Gicungwa kandi hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 5: icyicaro cya NRS

Icyicaro cya NRS kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

NRS ishobora kugira amashami ahandi hose mu gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 6: icyiciro NRS ihereyemo

NRS iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA NRS

Ingingo ya 7: Inshingano za NRS

NRS ifite inshingano rusange yo guca imyitwarire yose ibangamira abaturage binyujijwe mu kugorora umuco, gutanga uburere, ubumenyi n'ubumenyigiro.

Article 4: Legal personality and autonomy of NRS

NRS is a public institution with legal personality and enjoys administrative and financial autonomy. It is also governed in accordance with relevant laws.

Article 5: Head office of NRS

The head office of NRS is located in City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if deemed necessary.

NRS may, if necessary and upon approval by a Prime Minister's Order, have branches elsewhere in the country to fulfill its mission.

Article 6: Category of NRS

NRS falls within the category of non-commercial public institutions.

CHAPTER II: MISSION OF NRS

Article 7: Mission of NRS

The overall mission of NRS is to eradicate all forms of deviant behaviors by instilling positive behaviors, educating and providing professional skills.

Article 4: Personnalité juridique et autonomie de NRS

NRS est un établissement public doté de la personnalité juridique, d'une autonomie administrative et financière. Il est aussi géré conformément à la législation en la matière.

Article 5: Siège de NRS

Le siège de NRS est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu sur le territoire de la République du Rwanda.

NRS peut, en cas de nécessité et après approbation par arrêté du Premier Ministre, établir des branches en tout autre lieu sur le territoire national pour remplir ses missions.

Article 6: Catégorie de NRS

NRS rentre dans la catégorie des institutions publiques à caractère non-commercial.

CHAPITRE II: MISSIONS DE NRS

Article 7: Missions de NRS

NRS a pour mission globale d'éradiquer toutes les formes de comportements déviants par voie de redressement de comportements, d'éducation et de donner des compétences professionnelles.

Official Gazette n° 20 bis of 15/05/2017

By'umwihariko, NRS ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:	In particular, NRS has the following main mission:	En particulier, NRS a les missions principales suivantes:
1° gushyiraho ingamba zinoze zikumira ibikorwa biganisha ku ngeso n'imyitwarire bibangamira abaturage;	1° to establish appropriate measures for the prevention of acts giving rise to deviant attitudes and behaviors;	1° mettre en place des mesures appropriées de prévention des actes qui mènent aux attitudes et aux comportements déviants;
2° guhuza ibikorwa by'ibigo ngororamuco n'ibigo binyurwamo by'igihe gito no gukurikirana imikorere yabyo;	2° to coordinate activities of rehabilitation centers and transit centers and make follow-up on their operation;	2° coordonner les activités des centres de réhabilitation et des centres de transit et faire le suivi de leur fonctionnement;
3° kugira inama Guverinoma ku ngamba zigamije gukumira imyitwarire ibangamira abaturage;	3° to advise the Government on measures for the prevention of deviant behaviors;	3° conseiller le Gouvernement sur les mesures de prévention de comportements déviants;
4° gushyiraho no gukurikirana gahunda y'uburyo abashyizwe mu bigo ngororamuco n'ibinyurwamo by'igihe gito bahabwa ubujyanama bugamije guhindura imyitwarire no guhabwa ubuvuzi bwihariye ku babukeneye;	4° to establish and make follow-up on the program designed to provide counseling services to those placed in rehabilitation centers and transit centers to help them change their behaviors and provide individualized treatment for those who need it;	4° assurer la mise en place et le suivi du programme visant à offrir les services de counseling aux personnes placées dans les centres de réhabilitation et les centres de transit en vue de les aider à changer leurs comportements et à offrir un traitement personnalisé pour ceux qui en ont besoin;
5° gutegura gahunda zirambye z'igororamuco n'izo gusubiza mu buzima busanzwe abari bafite ingeso n'imyitwarire bibangamira abaturage no gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ryazo;	5° to develop sustainable measures for rehabilitation and social reintegration of people exhibiting deviant attitudes and behaviors and make follow-up on their implementation;	5° élaborer des mesures durables pour la réhabilitation et la réintégration sociale des personnes affichant des attitudes et comportements déviants et faire le suivi de leur mise en œuvre;
6° gukurikirana ko abashyizwe mu bigo ngororamuco bahabwa inyigisho z'ubumenyi n'ubumenyiringiro zibategurira gusubira mu buzima busanzwe hubahirizwa gahunda y'inzezo za Leta zifite ize nyigisho mu nshingano;	6° to ensure that those placed in rehabilitation centers are provided with knowledge and vocational education preparing them to reintegrate into society in compliance with the program of public institutions in charge of such education;	6° s'assurer que les personnes placées dans les centres de réhabilitation ou centres de transit bénéficient des connaissances et enseignement professionnel qui les préparent à être réintégrées dans la société conformément au programme des

- | | | |
|--|---|--|
| 7° gushyiraho ingamba zigamije gukumira ko abavuye mu bigo ngororamuco cyangwa ibigo binyurwamo by'igihe gito basubira kugira icyo myitwarire ibangamira abaturatione; | 7° to establish mechanisms for preventing recidivism in deviant behaviors among those graduating from rehabilitation centers and transit centers; | institutions publiques ayant cet enseignement dans leurs attributions; |
| 8° gukora ubushakashatsi bugamije kumenya impamvu zitera imyitwarire ibangamira abaturatione no gukora ubukangurambaga bugamije kuyikumira no kuyirwanya; | 8° to conduct research aiming at pointing out the causes of deviant behaviors and carry out awareness campaigns to prevent and combat such behaviors; | 7° mettre en place des mécanismes visant à prévenir la récurrence des comportements déviants parmi ceux qui sortent des centres de réhabilitation ou centres de transit; |
| 9° gukorana n'izindi nzego bihuje inshingano. | 9° to collaborate with other organs having similar mission. | 8° mener des recherches pour savoir les causes de comportements déviants et faire des campagnes de sensibilisation pour prévenir et combattre ces comportements; |
| | | 9° collaborer avec d'autres institutions ayant les missions similaires. |

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA NRS N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF NRS AND PERFORMANCE CONTRACT

CHAPITRE III: AUTORITE DE TUTELLE DE NRS ET CONTRAT DE PERFORMANCE

Ingingo ya 8: Urwego rureberera NRS

Article 8: Supervising authority of NRS

Article 8: Autorité de tutelle de NRS

Urwego rureberera NRS rugenwa n'iteka rya Ministiri w'Intebe.

The supervising authority of NRS is determined by a Prime Minister's Order.

L'autorité de tutelle de NRS est déterminée par arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 9: Amasezerano y'imihigo

Article 9: Performance contract

Article 9: Contrat de performance

NRS ikorera ku masezerano y'imihigo.

NRS operates on the basis of performance contract.

NRS fonctionne sur base d'un contrat de performance.

Uburyo NRS ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.

Procedures for the conclusion and evaluation of performance contract of NRS are determined by relevant laws.

Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance de NRS sont déterminées par la législation en la matière.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA NRS

Ingingo ya 10: Inzego z'ubuyobozi

Inzego z'ubuyobozi za NRS ni izi zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Urwego Nshingwabikorwa.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi ya NRS

Ingingo ya 11: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya NRS

Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'iteka rya Perezida barimo Perezida na Visi-Perezida.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi ya NRS bagomba kuba ari abagore.

Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'iteka rya Perezida.

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF NRS

Article 10: Management organs

The management organs of NRS are the following:

- 1° the Board of Directors;
- 2° the Executive Organ.

Section One: Board of Directors of NRS

Article 11: Members of the Board of Directors of NRS

The Board of Directors is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

Members of the Board of Directors are selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty per cent (30%) of members of the Board of Directors of NRS must be females.

The term of office of members of the Board of Directors as well as modalities for their replacement are determined by a Presidential Order.

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NRS

Article 10: Organes de direction

Les organes de direction de NRS sont les suivants:

- 1° le Conseil d'Administration;
- 2° l'Organe Exécutif.

Section première: Conseil d'Administration de NRS

Article 11: Composition du Conseil d'Administration de NRS

Le Conseil d'Administration de NRS est composé de sept (7) membres nommés par arrêté présidentiel dont le Président et le Vice-Président.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration de NRS doivent être de sexe féminin.

La durée du mandat des membres du Conseil d'Administration ainsi que les modalités de leur remplacement sont déterminées par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 12: Ububasha bw’Inama y’Ubuyobozi ya NRS

Inama y’Ubuyobozi ya NRS ni rwo rwego rukuru mu miyoborere no gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n’umutungo bya NRS kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

Ingingo ya 13: Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi ya NRS

Inama y’ubuyobozi ya NRS ifite inshingano z’ingenzi zikurikira:

- 1° gukurikirana imikorere y’Urwego Nshingwabikorwa no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa n’Urwego Nshingwabikorwa mu kuzuza inshingano zarwo;
- 2° kwemeza gahunda y’ibikorwa y’igihe kirekire n’iteganyabikorwa hamwe na raporo zijyana na byo;
- 3° gusinyana amasezerano y’imihigo n’urwego rureberera NRS;
- 4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya NRS;
- 5° kwemeza imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya NRS no gukurikirana ikoresha

Article 12: Powers of the Board of Directors of NRS

The Board of Directors of NRS serves as the supreme management and decision-making organ. It is vested with the most extensive powers to decide on any issue related to administration, human resource and property of NRS to be able to fulfil its mission.

Article 13: Responsibilities of the Board of Directors of NRS

The Board of Directors has the following main responsibilities:

- 1° to oversee the functioning of the Executive Organ of NRS and provide strategic guidance to be followed by the Executive Organ in the accomplishment of its responsibilities;
- 2° to approve the long term strategic plan, action plan and related reports;
- 3° to sign the performance contract with the supervising authority of NRS;
- 4° to approve the internal rules and regulations of NRS;
- 5° to approve the draft budget proposal of NRS and make follow-up on the budget use and execution;

Article 12: Pouvoirs du Conseil d’Administration de NRS

Le Conseil d’Administration de NRS est l’organe suprême de gouvernance et de décision. Il est investi des pouvoirs les plus étendus pour décider de tout ce qui a trait à l’administration, aux ressources humaines et au patrimoine de NRS pour bien s’acquitter de ses missions.

Article 13: Attributions du Conseil d’Administration de NRS

Le Conseil d’Administration a les principales attributions suivantes:

- 1° superviser le fonctionnement de l’Organe Exécutif de NRS et fournir une orientation stratégique devant être suivi par l’Organe Exécutif dans l’accomplissement de ses attributions;
- 2° approuver le plan stratégique à long terme, le plan d’action et les rapports y relatifs;
- 3° signer le contrat de performance avec l’autorité de tutelle de NRS;
- 4° approuver le règlement d’ordre intérieur de NRS;
- 5° approuver l’avant-projet de budget de NRS et assurer le suivi de l’utilisation et de l’exécution du budget;

ry'ingengo y'imari n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;

6° gufata ibyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano za NRS;

7° gutanga buri gihembwe raporo y'ibikorwa ku rwego rureberera NRS;

8° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo n'imari by'umwaka urangiye.

6° to decide on any crucial issues within the mission of NRS;

7° to submit a quarterly report to the authority supervising NRS;

8° to approve the activity and financial report of the preceding year.

6° décider de toutes questions critiques relevant de la mission de NRS;

7° soumettre un rapport d'activités trimestriel à l'autorité de tutelle de NRS;

8° approuver le rapport d'activités et le rapport financier de l'année précédente.

Ingingo ya 14: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo;

2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;

3° gushyikiriza inyandikomvugo z'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NRS urwego ruyireberera;

4° gushyira umukono ku masezerano y'imihigo hagati y'Inama y'Ubuyobozi n'Urwego rureberera NRS;

5° gushyikiriza raporo za NRS zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe;

Article 14: Duties of the Chairperson of the Board of Directors

The Chairperson of the Board of Directors has the following main duties:

1° to head the Board of Directors and coordinate its activities;

2° to convene and chair the meetings of the Board of Directors;

3° to submit the minutes of the meeting of the Board of Directors of NRS to the supervising authority of NRS;

4° to sign performance contract between the Board of Directors and the supervising authority of NRS;

5° to submit to relevant organs reports of NRS approved by the Board of Directors;

Article 14: Attributions du Président du Conseil d'Administration

Le Président du Conseil d'Administration a les principales attributions suivantes:

1° diriger le Conseil d'Administration et coordonner ses activités;

2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration;

3° soumettre les procès-verbaux des réunions du Conseil d'Administration de NRS à son autorité de tutelle;

4° signer le contrat de performance entre le Conseil d'Administration et l'autorité de tutelle de NRS;

5° soumettre aux organes compétents les rapports de NRS approuvés par le Conseil d'Administration;

Official Gazette n° 20 bis of 15/05/2017

- | | | |
|--|---|---|
| 6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 6° to make follow-up on the implementation of resolutions of the Board of Directors; | 6° faire le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'Administration ; |
| 7° gukora indi mirimo yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 7° to perform other duties falling within the responsibilities of the Board of Directors as may be assigned to him/her by the Board of Directors. | 7° accomplir d'autres tâches relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |

Ingingo ya 15: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi

Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

- 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;
- 2° gukora indi mirimo yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.

Ingingo ya 16: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri NRS.

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa binyuze mu bigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na NRS n'ay'imirimo iterwa inkunga na NRS.

Article 15: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors

The Deputy Chairperson of the Board of Directors has the following duties:

- 1° to assist the Chairperson and deputize for him/her in case of absence;
- 2° to perform other duties falling within the responsibilities of the Board of Directors as may be assigned by the Board of Directors.

Article 16: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Members of the Board of Directors of NRS are not allowed to perform any remunerated activity within NRS.

Neither shall members of the Board of Directors be allowed, either individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of NRS or those financed by NRS.

Article 15: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration

Le Vice-Président du Conseil d'Administration de NRS a les attributions suivantes:

- 1° assister le Président et le suppléer en cas d'absence ;
- 2° accomplir d'autres tâches relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier.

Article 16: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration de NRS ne sont pas autorisés à exercer des fonctions rémunérées au sein de NRS.

Ils ne sont non plus autorisés, ni individuellement ni à travers les sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés de NRS et à ceux financés par NRS.

Ingingo ya 17: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;
- 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);
- 5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;
- 6° abangamira inyungu za NRS;
- 7° ahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;
- 8° atacyujje impamvu zashingiweho ashirwa muri uwo mwanya;
- 9° afite imyitwarire yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;
- 10° apfuye.

Article 17: Reasons for loss of membership to the Board of Directors and modalities for replacement

A member of the Board of Directors loses membership if:

- 1° the term of office expires;
- 2° he/she resigns in writing;
- 3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by a committee of three (3) authorized medical doctors;
- 4° he/she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months in a final judgment;
- 5° he/she fails to attend three (3) consecutive meetings without valid reasons;
- 6° he/she jeopardizes the interests of NRS;
- 7° he/she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;
- 8° he/she no longer fulfills the requirements considered at the time of appointment;
- 9° he/she exhibits any behaviour likely to compromise his/her dignity or that of his/her work or his/her position;
- 10° he/she dies.

Article 17: Causes de perte de qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement

Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre lorsque:

- 1° le mandat expire;
- 2° il démissionne par écrit;
- 3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par une commission de trois (3) médecins agréés;
- 4° il est condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
- 5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables;
- 6° il compromet les intérêts de NRS;
- 7° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie du génocide;
- 8° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé à ce poste;
- 9° il affiche tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang;
- 10° il décède.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NRS avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza iyo manda.

Ingingo ya 18: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NRS iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

Icyakora, inama idasanze ishobora gutumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo iterane.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.

Umuyobozi Mukuru yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi.

In case a member of the Board of Directors of NRS leaves his/her duties before the expiry of his/her term of office, the competent authority appoints a substitute to replace him/her and serve the remainder of the term of office.

Article 18: Convening and holding of the meeting of the Board of Directors and modalities for decision making

The meeting of the Board of Directors of NRS is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or, in his/her absence, by its Deputy Chairperson at their own initiative or at the request in writing of at least one third (1/3) of its members.

The meeting notice is submitted in writing to members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the date of the meeting.

However, an extraordinary meeting may be convened in writing at least three (3) working days before the date of the meeting.

The quorum for the meeting of the Board of Directors to take place is two-thirds (2/3) of its members. However, when a meeting is convened for the second time it takes place regardless of the number of members present.

The Director General attends meetings of the Board of Directors.

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de NRS perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le reste de son mandat.

Article 18: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions

La réunion du Conseil d'Administration de NRS se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou, en cas d'absence, sur celle de son Vice-Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres.

La convocation à la réunion est adressée par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Toutefois, une réunion extraordinaire peut être convoquée par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.

Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration de NRS est de deux tiers (2/3) de ses membres. Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient quel que soit le nombre de membres présents.

Le Directeur Général participe aux réunions du Conseil d'Administration.

Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya NRS.

Ingingo ya 19: Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama

Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa.

Uwatumirwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

Ingingo ya 20: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inandikomvugo yayo

Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa urwego rureberera NRS mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi.

Umuyobozi w'urwego rureberera NRS atanga ibitekerezo ku myanzuro y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo ayivuzeho imyanzuro y'inama iba yemejwe burundu.

Procedures for decision-making by the Board of Directors are determined by internal rules and regulations of NRS.

Article 19: Invitation of a resource person to a meeting of the Board of Directors

The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek an advice on any item on the agenda.

The invited person is not allowed to vote and follow debates on other items on the agenda.

Article 20: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors

Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by its members immediately after the meeting, and their copy is sent to the authority supervising NRS within a period not exceeding five (5) working days.

The head of the supervising authority of NRS provides his/her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within fifteen (15) working days from their receipt. If this period expires before he/she provides his/her views, such resolutions are considered definitively approved.

Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de NRS.

Article 19: Invitation d'une personne ressource à une réunion du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un quelconque point inscrit à l'ordre du jour.

La personne invitée n'est pas autorisée à voter et à suivre les débats sur d'autres points inscrits à l'ordre du jour.

Article 20: Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration

Les résolutions du Conseil d'Administration de NRS sont immédiatement signées par les membres après la séance et leur copie est transmise à l'autorité de tutelle de NRS dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables.

Le responsable de l'autorité de tutelle de NRS donne son point de vue sur les résolutions du Conseil d'Administration dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitivement approuvées.

Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa urwego rureberera NRS mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi guhera umunsi yemerejweho.

Ingingo ya 21: Umwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi

Umuyobozi Mukuru wa NRS ni we mwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.

Umuyobozi Mukuru wa NRS ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba ubwe. icyo gihe, abagize Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.

Ingingo ya 22: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.

Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye

The minutes of meeting of the Board of Directors are signed jointly by the Chairperson and its rapporteur and approved at the next meeting. A copy of the minutes of the meeting is sent to the supervising authority of NRS within a period not exceeding fifteen (15) working days from the day of its approval.

Article 21: Rapporteur of meetings of the Board of Directors

The Director General of NRS is the rapporteur of the meeting of the Board of Directors, but he/she has no right to vote in decision-making.

The Director General of NRS does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him/her. In that case, members of the Board of Directors elect among themselves a rapporteur.

Article 22: Personal interest in issues on the agenda

If a member of the Board of Directors has a direct or indirect interest in the issue to be considered, he/she must immediately inform the Board of Directors about where his/her interest lies. A member who declares an interest in the issue to be considered cannot attend the meeting deliberating on that issue.

When it happens that most or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par le Président et son rapporteur et soumis à la réunion suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est transmise à l'autorité de tutelle de NRS dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de son approbation.

Article 21: Rapporteur des réunions du Conseil d'Administration

Le Directeur Général de NRS est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration, mais il n'a pas le droit de vote lors de la prise de décisions.

Le Directeur Général de NRS ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions sur des questions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration élisent parmi eux un rapporteur.

Article 22: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il doit en informer immédiatement le Conseil d'Administration et montrer où ses intérêts reposent. Le membre qui fait part de son intérêt dans un point à examiner ne peut pas participer à la réunion qui examine ce point.

Lorsqu'il apparaît que la majorité ou l'ensemble des membres du Conseil d'Administration ont un

cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata icyemezo kuri icyo kibazo, icyo kibazo gishyikirizwa urwego rureberera NRS rukagifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).

Ingingo ya 23: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bigenwa n'iteka rya Perezida.

Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS

Ingingo ya 24: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS

Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS rugizwe n'Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n'iteka rya Perezida n'abandi bakozi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko abigenga.

Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Abayobozi Bakuru Bungiriye, rikanagena ububasha n'inshingano byabo.

Ingingo ya 25: Imikorere y'abagize Urwego Nshingwabikorwa

Imikorere y'abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS igenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

in the issues to be considered in such a way that it is impossible to decide on the issues, the issues are submitted to the supervising authority of NRS, which decides on them within thirty (30) days.

Article 23: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Sitting allowances of members of the Board of Directors are determined by a Presidential Order.

Section 2: Executive Organ of NRS

Article 24: Composition of the Executive Organ of NRS

The Executive Organ of NRS is composed of the Director General appointed by a Presidential Order and other staff members appointed in accordance with relevant laws.

A Presidential Order may also appoint Deputy Directors General and determine their powers and duties.

Article 25: Procedures for performance of duties by members of the Executive Organ

Procedures for performance of duties by members of the Executive Organ of NRS are determined by a Prime Minister's Order.

intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décisions sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'autorité de tutelle de NRS qui prend une décision dans un délai de trente (30) jours.

Article 23: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les jetons de présence des membres du Conseil d'Administration sont déterminés par arrêté présidentiel.

Section 2: Organe Exécutif de NRS

Article 24: Composition de l'Organe Exécutif de NRS

L'Organe Exécutif de NRS est composé du Directeur Général nommé par arrêté présidentiel et d'autres membres du personnel recrutés conformément à la législation en la matière.

Un arrêté présidentiel peut également nommer les Directeurs Généraux Adjoints et également déterminer leurs pouvoirs et attributions.

Article 25: Modalités d'exercice de fonctions par les membres de l'Organe Exécutif

Les modalités d'exercice de fonctions par les membres de l'Organe Exécutif de NRS sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 26: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa

Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS rufite inshingano z'ingenzi zikurikira:

- 1° gukurikirana no guhuza imirimo n'ibikorwa bya buri muni;
- 2° gushyira mu bikorwa indi nshingano rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za NRS.

Ingingo ya 27: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa NRS

Umuyobozi Mukuru wa NRS afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo akurikije amategeko abigenga.

By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru wa NRS ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° guhagararira NRS imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo;
- 2° gukurikirana imikorere ya buri muni ya NRS, imicungire y'abakozi n'imikoreshereze y'ingengo y'imari;
- 3° gutegura imbazirizamushinga y'amategeko ngengamikorere ya NRS;

Article 26: Responsibilities of the Executive Organ

The Executive Organ of NRS has the following main responsibilities:

- 1° to monitor and coordinate daily functions and activities;
- 2° to perform any other duty falling within the mission of NRS as may be assigned by the Board of Directors.

Article 27: Powers and duties of the Director General of NRS

The Director General of NRS has the power to make decisions on the administrative and financial management in accordance with relevant laws.

The Director General, in particular, has the following duties:

- 1° to serve as the legal representative of NRS and publicize its activities;
- 2° to monitor NRS daily activities, human resources management and the use of the budget;
- 3° to prepare the draft proposal of internal rules and regulations of NRS;

Article 26: Attributions de l'Organe Exécutif

L'Organe Exécutif de NRS a les principales attributions suivantes:

- 1° suivre et coordonner les tâches et activités quotidiennes;
- 2° effectuer toute autre tâche relevant de la mission de NRS que le Conseil d'Administration peut lui confier.

Article 27: Pouvoirs et attributions du Directeur Général de NRS

Le Directeur Général de NRS dispose du pouvoir de décision dans la gestion administrative et financière conformément à législation en la matière.

En particulier, le Directeur Général a les attributions suivantes:

- 1° être le représentant légal de NRS et faire connaître ses activités;
- 2° assurer le suivi des activités quotidiennes de NRS, de la gestion des ressources humaines et de l'utilisation du budget;
- 3° préparer l'avant-projet de règlement d'ordre intérieur de NRS;

Official Gazette n° 20 bis of 15/05/2017

- | | | |
|---|--|---|
| 4° gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari bigashyikirizwa Inama y'Ubuyobozi ya NRS; | 4° to prepare draft action plan and draft budget proposal and submit them to the Board of Directors of NRS; | 4° préparer le projet de plan d'action et l'avant-projet de budget pour leur transmission au Conseil d'Administration de NRS; |
| 5° kugeza ku Nama y'Ubuyobozi raporo y'ibikorwa na raporo yerekeye imikoreshereze y'imari n'imicungire y'umutungo bya NRS by'umwaka ushize; | 5° to submit to the Board of Directors the activity report, financial report as well as property management report of NRS of the preceding year; | 5° soumettre au Conseil d'Administration le rapport d'activités et le rapport financier ainsi que le rapport de gestion du patrimoine de NRS de l'année précédente; |
| 6° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 6° to implement resolutions of the Board of Directors; | 6° mettre en œuvre les résolutions du Conseil d'Administration; |
| 7° kujya mu nama z'Inama y'Ubuyobozi; | 7° to participate in the meetings of the Board of Directors; | 7° participer aux réunions du Conseil d'Administration; |
| 8° kumenyesha ibyemezo bya NRS abo bigenewe no gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ryabyo; | 8° to inform those concerned of the decisions of NRS and make follow-up on their implementation; | 8° communiquer les décisions de NRS aux concernés et assurer le suivi de leur mise en œuvre; |
| 9° gushyikiriza inzego bireba ibitekerezo bijyanye n'igororamuco; | 9° to submit to relevant organs concepts relating to rehabilitation; | 9° soumettre aux organes concernés les concepts relatifs à la réhabilitation; |
| 10° gukora indi mirimo yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za NRS. | 10° to perform other duties falling within the mission of NRS as may be assigned by the Board of Directors of NRS. | 10° accomplir d'autres tâches relevant de la mission de NRS que le Conseil d'Administration de NRS peut lui assigner. |

Ingingo ya 28: Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS

Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS zigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Article 28: Duties of other staff members of the Executive Organ of NRS

Duties of other staff members of the Executive Organ of NRS are determined by a Prime Minister's Order.

Article 28: Attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de NRS

Les attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de NRS sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 29: Sitati igenga abakozi ba NRS

Abakozi ba NRS bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Ingingo ya 30: Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS

Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS bigenwa hakurikijwe amategeko abigenga.

UMUTWE WA V: IBIGO NGORORAMUCO N'IBIGO BINYURWAMO BY'IGIHE GITO

Ingingo ya 31: Ishyirwaho ry'ibigo ngororamuco n'ibigo binyurwamo by'igihe gito

Ibigo ngororamuco bishyirwaho n'Iteka rya Perezida rikanagena, inshingano n'imikorere byabyo.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imiterere n'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'ibigo ngororamuco n'ibigenerwa abakozi babyo.

Ikigo kinyurwamo by'igihe gito gishyirwaho n'icyemezo cy'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

Article 29: Statutes governing staff of NRS

Staff members of NRS are governed by the General Statutes for Public Service.

Article 30: Salaries and fringe benefits for members of the Executive Organ of NRS

Salaries and fringe benefits for members of the Executive Organ of NRS are determined in accordance with relevant laws.

CHAPTER V: REHABILITATION CENTERS AND TRANSIT CENTERS

Article 31: Establishment of rehabilitation centers and transit centers

A Presidential Order establishes rehabilitation centers and also determines their mission and functioning.

A Prime Minister's Order determines the organization chart and organizational structure and benefits for staff of rehabilitation centers.

A District Council's or City of Kigali Council's decision establishes a transit center.

Article 29: Statut régissant le personnel de NRS

Les membres du personnel de NRS sont régis par le Statut général de la fonction publique.

Article 30: Salaires et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de NRS

Les salaires et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de NRS sont fixés conformément à la législation en la matière.

CHAPITRE V: CENTRES DE REHABILITATION ET CENTRES DE TRANSIT

Article 31: Création des centres de réhabilitation et des centres de transit

Un arrêté présidentiel établit les centres de réhabilitation et détermine également leurs missions et fonctionnement.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organigramme, la structure organisationnelle et les avantages des membres du personnel des centres de réhabilitation.

Une décision du Conseil de District ou du Conseil de la Ville de Kigali établit un centre de transit.

Ingingo ya 32: Ibyiciro by'abantu bakirwa mu bigo

Iteka rya Perezida rishyiraho ikigo ngororamuco cyangwa icyemezo cy'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali gishyiraho ikigo kinyurwamo by'igihe gito, bigaragaza ko icyo kigo kigenewe abagabo, abagore cyangwa abana.

Icyakora, ikigo ngororamuco cyangwa ikigo kinyurwamo by'igihe gito, gishobora gushyirwaho kikakira ibyiciro byose bivuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo habanje kugaragazwa ko buri cyiciro kigenewe ahantu hacyo hihariye muri icyo kigo.

Ingingo ya 33: Inshingano n'imikorere by'ibigo binyurwamo by'igihe gito

Iteka rya Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze, rishyiraho inshingano, imiterere n'uburyo bw'imikorere by'ibigo binyurwamo by'igihe gito. Rishyiraho kandi n'ibigenderwaho mu gutoranya no kwemeza abantu bafite imyitwarire ibangamiye abatwariye, abafite ububasha bwo kubemeza n'igihe abashyizwe muri icyo kigo bahamara.

Article 32: Categories of people placed in the centers

A Presidential Order establishing a rehabilitation center or a District Council's or Kigali City Council's decision establishing a transit center indicates if the center is reserved for males, females or children.

However, a rehabilitation center or a transit center may be established to accommodate all categories referred to in Paragraph One of this Article, after demonstrating that premises are separately reserved for the different categories.

Article 33: Mission and functioning of transit centers

An Order of the Minister in charge of rehabilitation determines mission, organization and functioning of transit centers. It also determines criteria for selection and determination of people with deviant behaviors and also specifies competent authorities to determine such people and the period of stay for those placed in the center.

Article 32: Catégories de personnes placées dans les centres

Un arrêté présidentiel portant création d'un centre de réhabilitation ou une décision du Conseil de District ou du Conseil de la Ville de Kigali portant création d'un centre de transit indique si ce centre est réservé aux hommes, aux femmes ou aux enfants.

Toutefois, un centre de réhabilitation ou de transit peut être créé pour accueillir toutes les catégories visées à l'alinéa premier du présent article, après avoir démontré que les locaux sont séparément réservés aux différentes catégories.

Article 33: Missions et fonctionnement des centres de transit

Un arrêté du Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions détermine les missions, l'organisation et le fonctionnement des centres de transit. Il détermine également les critères de sélection et de détermination des personnes ayant des comportements déviants et les autorités compétentes pour déterminer lesdites personnes et la durée de séjour pour celles qui sont placées dans ce centre.

UMUTWE WA VI: UMUTUNGO N'IMARI BYA NRS

CHAPTER VI: PROPERTY AND FINANCE OF NRS

CHAPITRE VI: PATRIMOINE ET FINANCES DE NRS

Ingingo ya 34: Umutungo wa NRS n'inkomoko yawo

Article 34: Property of NRS and its sources

Article 34: Patrimoine de NRS et ses sources

Umutungo wa NRS ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

The property of NRS is comprised of movable and immovable assets.

Le patrimoine de NRS est composé des biens meubles et immeubles.

Umutungo wa NRS ukomoka kuri ibi bikurikira:

The property of NRS derives from the following sources:

Le patrimoine de NRS provient des sources suivantes:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

1° state budget allocations;

1° dotations budgétaires de l'Etat;

2° inkunga, zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

2° State or partners' subsidies;

2° subventions de l'Etat ou des partenaires;

3° ibituruka ku mirimo ikora;

3° income from rendered services;

3° revenus des services prestés;

4° inguzanyo zihabwa NRS zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;

4° loans granted to NRS approved by the Minister in charge of finance;

4° prêts accordés au NRS approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;

5° impano n'indagano.

5° donations and bequests.

5° dons et legs.

Ingingo ya 35: Itegurwa n'Iyemezwa by'ingengo y'Imari ya NRS

Article 35: Preparation and adoption of the budget of NRS

Article 35: Préparation et adoption du budget de NRS

NRS itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.

NRS prepares its annual budget to be adopted by the relevant authority.

NRS prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente.

Ingingo ya 36: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NRS

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NRS bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsiri y'imikoreshereze y'umutungo wa NRS buha raporo Inama y'Ubuyobozi bukagenera kopi Umuyobozi Mukuru wa NRS.

Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rugenzura imicungire n'imikoreshereze y'imari n'umutungo bya NRS.

Ingingo ya 37: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa NRS ashyikiriza urwego ruyireberera raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 38: Igihe cy'inzibacyuho

Ibigo ngororamuco n'ibigo binyurwamo by'igihe gito bisanzwe biriho mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa bihawe umwaka umwe (1)

Article 36: Use, management and audit of the property of NRS

The use, management and audit of the property of NRS are carried out in accordance with relevant laws.

The internal audit service of NRS submits its report to the Board of Directors of NRS with a copy to the Director General of NRS.

The Auditor General of State Finances carries out audit of the management and use of the finance and property of NRS.

Article 37: Annual financial statements

Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General of NRS submits the annual financial statements to the supervising authority of NRS after their approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property.

CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 38: Transitional period

Rehabilitation centers and transit centers which are in place before the commencement of this Law have a time limit of one year from the date of

Article 36: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de NRS

Le patrimoine de NRS est utilisé, géré et audité conformément à la législation en la matière.

Le service d'audit interne de NRS transmet son rapport au Conseil d'Administration de NRS et en réserve copie au Directeur Général de NRS.

L'Auditeur Général des Finances de l'Etat effectue l'audit de la gestion et de l'utilisation des finances et du patrimoine de NRS.

Article 37: Rapport annuel des états financiers

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, le Directeur Général de NRS soumet à l'autorité de tutelle de NRS le rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux lois régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 38: Période transitoire

Les centres de réhabilitation et les centres de transit en place avant l'entrée en vigueur de la présente loi disposent d'un délai d'un an à

Official Gazette n° 20 bis of 15/05/2017

uhereye umunsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, kugira ngo byubahirize ibiteganywa n'iri tegeko.

publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda for complying with the provisions of this Law.

compter du jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer aux dispositions de la présente loi.

Ingingo ya 39: Agaciro k'ibyakozwe

Ibyakozwe n'ibigo ngororamuco n'ibigo binyurwamo by'igihe gito mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, bigumana agaciro kabyo.

Article 39: Validity of acts already performed

Acts performed by rehabilitation centers and transit centers before the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda remain valid.

Article 39: Validité des actes accomplis

Les actes accomplis par les centres de réhabilitation et les centres de transit avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda restent valables.

Ingingo ya 40: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 40: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 40: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Ingingo ya 41: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 41: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Article 41: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 42: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 42: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 42: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 28/04/2017

Kigali, on 28/04/2017

Kigali, le 28/04/2017

Official Gazette n° 20 bis of 15/05/2017

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux